



REPUBLIKA Y'U RWANDA
REPUBLIC OF RWANDA



URWEGO RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
CHANCELLERY FOR HEROES, NATIONAL ORDERS AND DECORATIONS OF HONOUR (CHENO)

**RAPORO Y'IGIKORWA CYO KWIZIHIZA UBUTWARI
BW'ABANYESHURI B'I NYANGE KU NSHURO YA 22,
TARIKI YA 18/03/2019**

Kigali, Kamena 2019



“Intwari z’Imena z’i Nyange ni imfura za politiki nziza yubaka Ubunyarwanda nk’inkingi y’ubumwe n’ubwiyunge n’iterambere rirambye. Igicumbi cy’Ubunyarwanda cya Nyange kizafasha kwigisha urubyiruko imbaraga zo kuba umwe nk’uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME yabitanzemo umurongo.”

Hon. Prof. HABUMUREMYI Pierre Damien, ku wa 18/03/2019 (Tweet)

IBIRIMO

IJAMBO RY'IBANZE	4
INTANGIRIRO.....	6
1. INTWARI Z'IMENA Z'I NYANGE.....	7
2. IBIKORWA BITEGURA KWIZIHIZA UBUTWARI BW'ABANYESHURI B'I NYANGE.....	9
2.1. Inama zitegura kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange.....	10
2.2. Amarushanwa y'igikombe cy'ubutwari mu mikino inyuranye, mu mashuri no mu Tugari..	11
3. KWIZIHIZA UBUTWARI BW'ABANYESHURI B'I NYANGE.....	15
3.1. Umuhango wo gushyira indabo ahashyinguye zimwe mu Ntwari z'i Nyange.....	15
3.2. Ibirori byo kwizihiza ubutwari bw'abanyeshuri b'i Nyange.....	20
UMUSOZO.....	31

IJAMBO RY'IBANZE

Buri muryango w'abantu ugira uburyo ushimira abantu baranzwe n'ibikorwa by'ubutwari n'ibindi bikorwa by'ingirakamaro. Mu mateka y'isi, cyane cyane mu miryango y'abantu yateye imbere mu bihe bya kera, bagiraga uburyo bashimira Intwari zabo n'abandi bantu bakoze ibikorwa bigirira umuryango mugari w'abantu akamaro.

Nk'uko insanganyamatsiko y'Umunsi w'Intwari z'Igihugu twizihije ku nshuro ya 25 tariki ya 01/02 muri uyu mwaka yagiraga iti: **“Dukomeze ubutwari mu cyerekezo twahisemo”**, ubutwari ni bwo bwatumye u Rwanda rwiubaka kugeza ubu, nibwo bwarukuye mu bizazane rwanyuzemo mu mateka; ubutwari ni nabwo buzatuma u Rwanda rukomeza gutera imbere mu bihe biri imbere.

Mu Rwanda, kwizihiza Intwari z'Igihugu no kuzirikana abandi bantu baranzwe n'ibikorwa by'ingirakamaro ni bumwe mu buryo bwo gushima no gushimira izo Ntwari. Ni n'uburyo bwo gukangurira abenegihugu cyane cyane urubyiruko indangagaciro z'ubutwari. Ni muri urwo rwego ku itariki ya 18/03/2019, Abanyarwanda twizihije ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange tuzirikana ko bashimangiye ko ubunyarwanda ari isano ikomeye ihuje abenegihugu. Banze kwitandukanya bakurikije ibyiswe amoko, nk'uko babihatirwaga n'abacengezi bari babateye, maze bose barasubiza bati: *“Twese turi Abanyarwanda”*.

Aba banyeshuri bashyigikiye isano bafitanye bose ryo kuba Abanyarwanda. Banze gutatira igihango cy'ubunyarwanda, bemera kurwanya ikibi kandi bazi neza ko bishobora kubagiraho ingaruka zirimo no kwicwa.

Ubunyarwanda ni bwo bwatumye u Rwanda ruba Igihugu gikomeye mu bihe bya mbere y'umwaduko w'abakoroni. Ibi bigaragazwa n'uko abakoroni batinze

kurugeramo ugereranyije n'ibihugu birukikije, ndetse n'abacuruzuga abantu (Ubucakara/Slave trade) bararutinye. Ubuhangange bwarwo bwatumye hari imvugo z'ubutwari no gukunda u Rwanda abakurambere bacu bakoreshaga bagira bati: “Rwanda rugari rwa Gasabo; Ruratera ntiruterwa; Rutemba amata n'ubuki; kandi Imana yirirwa ahandi igataha i Rwanda”. Ubunyarwanda si ubwenegihugu duhabwa n'amategeko gusa, ahubwo ni ibituranga, ni ibiduhuza kandi bikagaragaza umwihariko w'Abanyarwanda; ibyiza basangiza abatuye isi nabo bagahaha iby'ingirakamaro.

Kwizihiza ku nshuro ya 22 ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byabaye umwanya ukomeye wo kongera gukangurira Abanyarwanda, cyane cyane urubwiruko guhora baharanira ubumwe no gukomera ku ndangadaciro z'umuco w'ubutwari zubatse u Rwanda zikanarurengera mu bihe bitandukanye rwanyuzemo. Wabaye kandi umwanya wo gukangurira Abanyarwanda muri rusange kumenya aho Igihugu cyavuye no guharanira ko gitera imbere kikaba igihugu cy'icyitegererezo mu Karere, muri Afurika no ku Isi yose.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rurishimira ko ibirori byo kwizihiza ku nshuro ya 22 ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byagenze neza kandi bikitabirwa ku buryo bushimishije. Urwego rurashimira inzego zose zagize uruhare mu gutegura no gukora ibyo birori ndetse no mu bindi bikorwa bijyanye no kwamamaza umuco w'ubutwari mu Banyarwanda.



Prof. HABUMUREMYI Pierre Damien

Umukuru w'Urwego

INTANGIRIRO

Tariki ya 18 Werurwe buri mwaka, Abanyarwanda bizihiza ubutwari bwaranze Abanyeshuri b'i Nyange mu mwaka w'i 1997, ubwo banze kwitandukanya bashingiye ku moko nk'uko babihatiwe n'abacengezi babagabyeho igitero mu mashuri y'umwaka wa gatandatu n'uwa gatanu, ku ishuri ryisumbuye rya Nyange mu Karere ka Ngororero.

Igikorwa cyo kwizihiza Intwari z'Imena z'i Nyange gitegurwa n'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe ku bufatanye n'Akarere ka Ngororero, Ishuri ryisumbuye rya Nyange, Ishyirahamwe Komezubutwari ry'Intwari z'Imena z'i Nyange n'imiryango yabo n'izindi nzego z'abafatanyabikorwa. Muri uyu mwaka, kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byakozwe ku nshuro ya 22, ku nsanganyamatsiko igira iti: *“Dukomeze ubutwari mu cyerekezo twahisemo”* nk'uko yari insanganyamatsiko y'Umunsi w'Intwari wizihijwe ku nshuro ya 25 ku wa 1 Gashyantare 2019.

Abanyeshuri b'i Nyange mu mwaka wa gatandatu n'uwa gatanu mu w'i 1997, berekanye ko ubutwari ntaho buhuriye n'imyaka y'ubukure, amashuri wize, ubukire ufite, inshingano n'ibindi.

Igikorwa cyo kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange cyabaye ku wa 18 Werurwe 2019 guhera saa kumi z'umugoroba (16h00). Cyaranzwe n'umuhango wo gushyira indabo ahashyinyuye zimwe mu Ntwari z'i Nyange, ibiganiro, ubuhamya n'ubutumwa butangwa n'abayobozi batandukanye, guhamba amakipe y'amashuri n'utugari yatsinze mu marushanwa y'Igikombe cy'ubutwari bw'abanyeshuri b'i Nyange mu mikino itandukanye n'indirimbo, imbyino, imivugo n'ikinamico ngufi birata ubutwari bw'Abanyarwanda ndetse n'ubusabane.

Iyi raporo iragaragaza ibisobanuro ku Ntwari z’Imena z’i Nyange, Imirimo itegura kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange n’imigendekere y’umuhango wo kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange ku wa 18 Werurwe 2019.

1. INTWARI Z’IMENA Z’I NYANGE

Intwari z’i Nyange ni Intwari z’Igihugu zo mu kiciro cy’Imena. Zagizwe Intwari z’Igihugu ku wa 12/09/2001; igihe Intwari z’Igihugu zo ku ikubitiro rya mbere zatangazwaga.

Intwari z’i Nyange ni abari abanyeshuri mu Ishuri ryisumbuye rya Nyange mu Murenge wa Nyange mu Karere ka Ngororero; bigaga mu mwaka wa 6 n’uwa 5, banze kwitandukanya igihe baterwaga n’abacengezi mu ijoro ryo ku wa 18 Werurwe 1997; nk’uko babihatiwe n’abacengezi ngo “Abatutsi bajye ukwabo n’Abahutu ukwabo”, maze barasubiza bati: “*Twese turi Abanyarwanda*”.

Intwari z’Imena z’i Nyange zose hamwe ni abantu 47. Mu gihe baterwaga n’abacengezi bari abana, ariko ubu ni abagabo n’abagore. Umunani (8) muri bo baratabarutse, 39 baracyariho. Muri abo 8 batabarutse, batandatu (6) bishwe n’abacengezi muri iryo joro babateraga, umwe yaje kwitaba Imana nyuma muri Nyakanga 2001 azize ibikomere yatewe n’abacengezi. Undi umwe yatabarutse mu mwaka wa 2018 azize uburwayi. Bamwe mu bakiriho bafite ubumuga butandukanye batewe n’icyo gitero cy’abacengezi.

Abatabarutse ni aba bakurikira:

1. BIZIMANA Sylvestre
2. MUJAWAMAHORO Chantal
3. MUKAMBARAGA Béatrice
4. MUKARUTWAZA Séraphine
5. BENIMANA Hélène
6. NDEMEYE Valens
7. NIYONGIRA Ferdinand (yapfuye mu w’i 2001, azize ingaruka z’igitero)

8. SIBOMANA Ananias (yapfuye mu w'i 2018 azize uburwayi)

Abakiriho ni aba bakurikira:

1. ABAYISENGA Théodette
2. BAVAKURE César
3. BAYISENGE Noël
4. BIRORI Jean Népomuscène
5. GATERA Silas
6. KAMAYIRESE Grâce
7. KANYEMERA Augustin
8. KAYIRANGA Aloys
9. MINANI Pascal
10. MUHAYIMANA Libérée
11. MUHINYUZA Florence
12. MUKAHIRWA Joséline
13. MUKANYANGEZI Dative
14. MUKESHIMANA Béatrice
15. MUKESHIMANA Florence
16. MUSABIMANA Florence
17. MUSONI Clément
18. MVUKIYEHE Jean Baptiste
19. NDAGIJIMANA Pierre Célestin
20. NDAHIMANA Jean Baptiste
21. NISHIMWE Marie
22. NIYITEGEKA Venant
23. NIZEYIMANA Emeritha
24. NIZEYIMANA Emmanuel

- 25.NKUNDUWERA Angélique
- 26.NSABIMANA Ntwali
- 27.NTAKIRUTIMANA Jean Claude
- 28.NYAGASAZA Joseph
- 29.NYINAWANDINDA Espérance
- 30.NYIRANDAYISABA Monique
- 31.NYIRANZABANDORA Marie Rose
- 32.RUHIGIRA Emmanuel
- 33.SIBOMANA André
- 34.SINDAYIHEBA Phanuel
- 35.TUYISHIMIRE Jean Marie Vianney
- 36.UKULIKIYIMFURA Adolphe
- 37.URIMUBENSHI Emmanuel
- 38.UWAMA HORO Prisca
- 39.UWIZERA Florence

Intwari z’Imena z’i Nyange zikiriho zibumbiye mu Ishyirahamwe KOMEZUBUTWARI, rigira uruhare mu kwigisha no gukangurira abanyarwanda umuco w’ubutwari.

2. IBIKORWA BITEGURA KWIZIHIZA UBUTWARI BW’ABANYESHURI B’I NYANGE

Mu myiteguro yo kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange, hakoze inama zo gutegura igikorwa n’amarushanwa y’igikombe cy’ubutwari mu mikino itandukanye mu mashuri n’utugari two mu Murenge wa Nyange.

2.1. Inama zitegura kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange

Hakozwe inama n'abafatanyabikorwa ku Gicumbi cy'Ubunyarwanda i Nyange hagamijwe gutegura icyo gikorwa no gukangurira inzego zitandukanye kukigiramo uruhare.

Ku wa 28 Gashyantare 2019, hakoze inama yahuje Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Urwego n'abahagarariye Akarere ka Ngororero, abahagariye Inzego z'umutekano, abahagarariye Umurenge wa Nyange, Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Nyange, abahagarariye Ishuri rya Nyange n'Ishyirahamwe Komezubutwari rigizwe n'Intwari z'Imena z'i Nyange.



Abitabiriye inama itegura Umunsi, Nyange, 28 Gashyantare 2019

Ku wa 13 Werurwe 2019, abakozi b'Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe bakoranye inama n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Nyange

n’ubw’ishuri rya Nyange hagamijwe kunoza imyiteguro yo kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange.

Abari mu nama banogeje gahunda y’igikorwa cyo kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange, banungurana ibitekerezo ku bizakenerwa byose n’uruhare rw’inzego zinyuranye kugira ngo umuhango uzagende neza kandi witabirwe ku buryo buboneye.

Abari mu nama y’Inteko y’Urwego yabaye ku ya 1 Werurwe 2019, batanze imirongo ngenderwaho mu kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange. Hakoze kandi inama z’abakozi b’Urwego zigamije kunoza imyiteguro yo kwizihiza ubutwari bw’Abanyeshuri b’i Nyange.

2.2. Amarushanwa y’igikombe cy’ubutwari mu mikino inyuranye, mu mashuri no mu Tugari

Hakoze amarushanwa yahuje utugari twose two mu Murenge wa Nyange n’ayahuje amashuri abanza ndetse n’ayisumbuye mu mikino inyuranye irimo umupira w’amaguru (Football), Volleyball na Basketball. Amarushanwa yitabiriwe kandi n’amakipe y’abahungu n’ay’abakobwa.

A) IKICIRO RUSANGE (ORDINARY LEVEL)

UMUKINO	IGITSINA	AMAKIPE YAKINNYE	IKIPE YATSINZE
Volleyball	Abahungu	GS Kigali vs GS Vungu	GS Kigali
	Abakobwa	GS Kigali vs ES Nyange	ES Nyange
Basketball	Abahungu	GS Kigali vs ES Nyange	ES Nyange
	Abakobwa	GS Vungu vs ES Nyange	ES Nyange
Football	Abahungu	GS Vungu vs ES Nyange	GS Vungu
	Abakobwa	GS Kigali vs GS Vungu	GS Kigali

B) ICYICIRO CY'ABASOZA AMASHURI YISUMBUYE (ADVANCED LEVEL)

UMUKINO	IGITSINA	AMAKIPE YAKINNYE	IKIPE YATSINZE
Volleyball	Abahungu	EAV Kivumu vs GS Kigali	EAV Kivumu
	Abakobwa	ES Nyange vs EAV Kivumu	ES Nyange
Basketball	Abahungu	ES Nyange vs EAV Kivumu	EAV Kivumu
	Abakobwa	ES Nyange vs EAV Kivumu	EAV Kivumu
Football	Abahungu	ES Nyange vs EAV Kivumu	EAV Kivumu
	Abakobwa	ES Nyange vs EAV Kivumu	ES Nyange

C) AMARUSHANWA KU RWEGO RW'UTUGARI

Utugari twitabiriye amarushanwa ni utugize Umurenge wa Nyange ari two: Bambiro, Gaseke, Nsibo na Vuganyana. Bakinnye umupira w'amaguru, mu bahungu igikombe cyatwawe n'Akagari ka Nsibo gatsinze Bambiro (2-1); mu bakobwa igikombe cyatwawe n'Akagari ka Gaseke gatsinze Vuganyana (3-1).

UMUKINO	IGITSINA	AMAKIPE YAKINNYE	IKIPE YATSINZE
FOOTBALL	Abahungu	Gaseke vs Nsibo	Nsibo
	Abahungu	Bambiro vs Vuganyana	Bambiro
	Abahungu	Bambiro vs Nsibo	Nsibo
	Abakobwa	Gaseke vs Nsibo	Gaseke
	Abakobwa	Bambiro vs Vuganyana	Vuganyana
	Abakobwa	Gaseke vs Vuganyana	Gaseke

Amarushanwa y'igikombe cy'ubutwari yabaye umwanya mwiza wo gukangurira indangagaciro z'umuco w'ubutwari abaturage, abakuru n'abato, bo mu murenge wa Nyange n'indi Mirenge bihana imbibi. Amarushanwa yitabiriwe ku buryo

bushimishije. icyifuzo nuko mu bihe biri mbere aya marushanwa yajya akorwa mu Karere ka Ngororero kose ndetse no mu gihugu hose.

Amakipe yarushije ayandi yahembwe ku wa 18/03/2019 mu muhango wo kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange.



Umukuru w'Urwego ahemba abagarariye ikipe ya EAV Kivumu, ku wa 18/03/2019



Umukuru w'Urwego wungirije ahemba abahagariye GS Vungu, ku wa 18/03/2019



Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero ahemba Abahagariye GS Nyange, ku wa 18/03/2019

3. KWIZIHIZA UBUTWARI BW'ABANYESHURI B'I NYANGE

Kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byabaye ku wa 18 Werurwe 2019, ku ishuri ryisumbuye rya Nyange, Igcumbi cy'Ubunyarwanda, guhera saa kumi z'umugoroba (16h00) kugeza saa mbiri n'igice z'ijoro (20h30).

Igikorwa cyaranzwe no gushyira indabo ahashyinyuye zimwe mu Ntwari z'i Nyange, ibiganiro, ubuhamya n'ubutumwa bwatanzwe n'abayobozi batandukanye; guhamba amakipe y'amashuri n'utugari yatsinze mu marushanwa y'Igikombe cy'ubutwari mu mikino itandukanye ndetse n'ubusabane.

3.1. Umuhango wo gushyira indabo ahashyinyuye zimwe mu Ntwari z'i Nyange

Kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byabimburiwe n'umuhango wo gushyira indabo ahashyinyuye zimwe mu Ntwari z'i Nyange, MUJAWAMA HORO Marie Chantal na NDEMEYE Valens.

Umuhango wakoze n'abayobozi batandukanye barangajwe imbere n'Umukuru w'Urwego, wari uhagarariye Minisitiri wa Siporo n'Umuco, Imiryango y'Intwari z'Imena z'i Nyange zatabarutse n'Intwari z'Imena z'i Nyange zikiriho.



Umukuru w'Urwego, Hon. Prof. HABUMUREMYI Pierre Damien n'Umukuru w'Urwego wungirije, Madamu MUKASARASI Godelieve bashyira indabo ku mva y'Intwari y'Imena y'i Nyange, 18/03/2019



Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba bashyira indabo ku mva y'Intwari y'Imena y'i Nyange, 18/03/2019



Abahagarariye Inzego z'Umutekano bashyira indabo ku mva y'Intwari y'Imena y'i Nyange, 18/03/2019



Umuyobozi w'Ishyirahamwe Komezubutwari (ibumoso) ashya indabo ku mva y'Intwari y'Imena y'i Nyange, 18/03/2019



Ababyeyi b'Intwari y'imena y'i Nyange, MUJAWAMAHORO Marie Chantal bashya indabo ku mva, 18/03/2019



Abo mu muryango w'Intwari y'Imena y'i Nyange, NDEMEYE Valens bashyira indabo ku mva, 18/03/2019



Bamwe mu Ntwari z'Imena z'i Nyange bashyira indabo ku mva y'Intwari y'Imena y'i Nyange, 18/03/2019

3.2. Ibirori byo kwizihiza ubutwari bw'abanyeshuri b'i Nyange

Nyuma y'umuhango wo gushyira indabo ahashyinyuye zimwe mu Ntwari z'i Nyange, hakurikiyeho ibirori byaranzwe n'ubuhamya, ubutumwa bw'abayobozi batandukanye, imivugo n'imbyino zirata kandi zisingiza ubutwari bw'Abanyarwanda.

Abitabiriye ibirori basusurukijwe n'abahanzi barimo MASAMBA Intore, TUYISENGE, KARASIRA Clarisse, NGIRENTE Laurent, Itorero ry'abagore bo mu Murenge wa Nyange n'abanyeshuri bo muri Club y'Umuco n'Ubutwari yo ku Ishuri rya Nyange n'andi mashuri yo mu Murenge wa Nyange.



Abitabiriye kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange bafashe umunota wo kuzirikana Intwari zatabarutse. Nyange 18/03/2019



Abitabiriye kwizihiza ubutwari bw'abanyeshuri 'b'i Nyange bari biganjemo urubyiruko. Nyange 18/03/2019



Ijambo ry'ikaze ry'Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero. Nyange, 18/03/2019



Umuvugo mu cyongereza w'abanyeshuri bo muri Club y'Umuco n'Ubutwari urata ubutwari bw'Intwari z'Imena z'i Nyange, Nyange, 18/03/2019



Umuhanzi Intore TUYISENGE aririmba, Nyange, 18/03/2019



Umukino w'Abanyeshuri bo muri Club y'Umuco n'Ubutwari ugaragaza uko igitero cy'abacengezi cyo mu mwaka w'i 1997 ku ishuri rya Nyange cyagenze



Umuvugo w'Abana bo muri Club y'Umuco n'Ubutwari yo ku Ishuri ribanza rya Vungu. Nyange, 18/03/2019

Mu buhamya n'ubutumwa byatanzwe n'Umuyobozi w'Ishyirahamwe Komezubutwari ry'Intwari z'i Nyange zikiriho, Bwana SINDAYIHEBA Phaniel yashimiye ubufatanye buri hagati y'Intwari z'i Nyange n'inzego za Leta zitandukanye cyane cyane Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe.

Yavuze ko igihe baterwaga n'abacengezi bakabategeka kwitandukanya batinyutse bemera kwicwa aho gutatira isano basangiye ryo kuba Abanyarwanda. Yakanguriye urubyiruko gukomeza guharanira kuba Intwari no kwigira ku rugero rwiza Intwari z'i Nyange zagaragaje.



Umuyobozi w'Ishyirahamwe Komezubutwari, Nyange, 18/03/2019



Itorero ry'abagore bo mu Murenge wa Nyange mu mbyino zirata ubutwari bw'Abanyarwanda. Nyange, 18/03/2019

Mu butumwa bwatanzwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba, Bwana HABİYAREMYE Pierre Célestin yashimangiye ko Intwari z'i Nyange zatanze urugero rwiza rwo gushyigikira ubunyarwanda, kurangwa n'urukundo no kwitanga. Yavuze ko uwo murage w'ubutwari ukwiye gukomeza gusigasirwa, Abanyarwanda twese tugakomeza kwigira ku Ntwari z'Imena z'i Nyange.



Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba ageza ijambo ku bitabiriye kwizihiza ubutwari bw'abanyeshuri b'i Nyange. 18/03/2019



Umuhanzi KARASIRA Clarisse aririmba mu birori byo kwizihiza Ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange, 18/03/2019.



Itorero ry'abagore bo mu Murenge wa Nyange babyinana n'Abayobozi banyuranye. Nyange 18/03/2019

Mu ijambo ry'Umukuru w'Urwego, Hon. Prof. HABUMUREMYI Pierre Damien wari umushyitsi mukuru muri uyu muhango ahagarariye Nyakubahwa Minisitiri wa Siporo n'Umuco, yavuze ko mu mateka y'u Rwanda, ubutwari ari indangagaciro igaragarira mu mibereho ya buri munsu y'Abanyarwanda, kuko bujyana no gukurikirana ibyo umuntu yiyemeje kugeraho, bivamo igikorwa cy'ikirenga gifitiye abandi akamaro gahanitse. Ubikora akabikora mu bupfura n'ubumuntu, mu kwihangana no mu bwitange buhebuje kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n'amananiza.

Umukuru w'Urwego yavuze ko impamvu Abanyarwanda duhora twizihiza Intwari z'Igihugu, by'umwihariko Abanyeshuri b'i Nyange ari ukugira ngo dusigasire umurage mwiza badusigiye wo kudatinya kurwanya ikibi, guharanira ubumwe no kurangwa n'ubumuntu.

Yavuze ko ubutwari ari umuco dutozwa, kandi tuwutozwa turebera ku ntwari zitangiye u Rwanda mu bihe bitandukanye. Kubera iyo mpamvu, tugomba gukomera ku ndangagaciro z'umuco w'ubutwari zirimo:

- Kugira umutima ukomeye kandi ukeye;
- Gukunda igihugu n'Abanyarwanda; nta vangura iryo ari ryo ryose;
- Kugira ubwitange;
- Kugira ubushishozi no kureba kure;
- Gukunda umurimo kandi unoze
- Kuba umunyakuri, gushima icyiza no kugaya ikibi;
- Kuba inyangamugayo;
- Kugira ubupfura;
- Kugira ubumuntu, n'izindi.

Umukuru w'Urwego yakanguriye abitabiriye umuhango wo kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b' Nyange kurangwa n'umuco wo kwitangira Igihugu n'abagituye bose, gukunda umurimo no guharanira buri gihe gukora umurimo unoze, tugamije iterambere muri byose, n'imibereho myiza y'abaturarwanda.



Umukuru w'Urwego, Hon. Prof HABUMUREMYI Pierre Damien ageza ijambo ku bitabiriye ibirori, 18/03/2019

Hon. Prof HABUMUREMYI Pierre Damien, yanashimye cyane Intwari z'Imena z'i Nyange; mu magambo ye yagize ati: *"Kera bavugaga ko iyo amagara atewe hejuru buri wese asama aye; abanyeshuri b'i Nyange bagaragaje ko iyo amagara atewe hejuru Intwari isama ay'abandi mbere, kabone naho byayishyira mu kaga."*

Umukuru w'Urwego kandi yashimiye ubufatanye bwa Minisiteri y'uburezi mu kuvugurura ishuri ryisumbuye rya Nyange, kandi anasobanura ko iri shuri ari **Igicumbi cy'Ubunyawanda**, ashishikariza inzego zitandukanye gutegura uburyo hasurwa cyane cyane n'ab'urubiruko.



Intore MASAMBA aririmba mu birori byo kwizihiza Ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange, ku wa 18/03/2019

UMUSOZO

Igikorwa cyo kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange cyari kigamije gukangurira Abanyarwanda cyane cyane urubyiruko kongera kwibuka ubutwari bwaranze abo banyeshuri kugira ngo baharanire kugera ikirenge mu cyabo, bashimangira ubumwe n'ubunyarwanda.

Ibirori byo kwizihiza ubutwari bw'Abanyeshuri b'i Nyange byaranzwe n'umuhango wo guha icyubahiro Intwari z'i Nyange zahambwe ku Gicumbi cy'Intwari cya Nyange, ubutumwa bw'abayobozi batandukanye, ubuhamya bw'Intwari z'i Nyange, indirimbo, imbyino, imivugo n'ibindi bihangano bisingiza Intwari z'u Rwanda ndetse n'ubusabane.

Urwego rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe rurashimira inzego zose zagize uruhare mu gutegura iki gikorwa, abayobozi batandukanye n'Abanyarwanda bacyitabiriye muri rusange.